Kanra Anastasie

– Correspondances

1985

1Δ
6P

Arrivé en retard
nombre de pages insuffisant.
28/5/85

IRUSHANWA LY'UMWAKA W'URUBYIRUKO 1985

MU BYEREKEYE UBWANDITSI

IGISIGO CYITWA : RWANDA RW'EJO

24/5/85

A traiter par DGJ → Kuragikubone

Date envoi 22/5/85

N° Classement 3/8/15.04

A : IGICE KIVUGA UKO TUBONA UBU URUBYIRUKO

B : IGICE CYEREKANA UBURERE URUBYIRUKO RUHABWA

C : IGICE URUBYIRUKO RUVUGAMO UBULYO RUZITANGIRA U RWANDA

D : IGICE URUBYIRUKO RUSHIMIRAMO ABARWITANGIRA , MULI ICYO GICE CYANYUMA RURAGIRA N'ICYO RU
RUVUGA KULI UYU MWAKA WITILIWE UW'URUBYIRUKO

ICYO GISIGO CYAHIMBWE NA

KARERA Anastase

KOMINI TARE.

Iyo ndebye uru Rwanda rutatse uruyange
Ngasanga ayo maso mu misozi y'u Rwanda
Ngasuzuma neza ngashyira mu gaciro
Ndareba ngasanga mu minsi iyi izaza
Ni mwebwe rubyiruko mutatse uru Rwanda.

Ni mukanguke rero mubyukane imbaraga
Umuvuduko ube rwose muhorane umurava
Murwuzuze ibyiza rukunde rutakwe
Rutere indi ntambwe rukomere ruturwe
Rushimwe rutinywe n'andi mahanga.

Iyo ndebye urubyiruko abasore n'abakobwa
Batuye uru Rwanda umutima uraterera
Ngatera aka kabyino nti :"Rwanda uli nziza"
Urabyiruye uraberwe n'abali wabyaye
Abasore aba tureba bazagutonesha bakuzuze ihirwe.

Igitinyiro cyawe n'itoto abatoya batatse ubwo bwiza
Bituye biranga uru Rwanda dutuye bisanzwe
Biranga igihugu kitubyaye
Mu yandi mahanga barazi ibyo byose,
Naho abatabizi bazaze kureba izo ntwali z'iwacu
Ziterana inkunga zifite ayo matwara yo kwubaka
u Rwanda.

Rubyiruko rw'iwacu bana bato dukunda
Duterera amaso hilya ndetse no hino,
Tugasanga ubutwali mutwarana mwese,
Ubutwali n'ubwenge biranga izo nyange
Bitatse uru Rwanda mba nica umutware.

Abasaza abakecuru bose mureba ejo bundi mu myaka
Iyi igiye kuzaza bazaba basezeye bageze iwabo
Aho muzi amaherezo aho natwe tuzajya gusingiza
Umwami Imana Nyil'ubugingo uyu waturemye twese
Akaduha ibidutunga iyo Mana y'i Rwanda dukesha
amahirwe.

Ubu turabyina tuvamo rubyiruko mutwumva
Mutangire none mwitoze uwo mulimo mukore mudatinya
Mutoze uru Rwanda uburere mwahawe kuva mukili
Batoya mukomeze umurego umurava mutunze ubagendemo
Iteka mutake uru Rwanda imitako irukwiye.

Ubwiza bw'u Rwanda nabonye ino hose,
Uburanga buteye amatsiko n'umuneza
Bineza abagenda basanga iyo ndaro
Umugaba  w'ibyiza yagabiye twe twese
Bintera ibyishimo ngaseka mwenyura.

Dore ikiruta ibyo byose bitatse iyo Paradi,
N'urwo Rwanda rw'ejo dukulikije amaso
Tureba amatwara amatage adusanga
Ati :"Mwebwe nimuze mbatware uyu munsi"
Rugerageze akarwo rukore icyo rugomba

Rubyiruko cyo rero uwo munsi tugiye
Uzagaragaza neza ubushobozi wahawe
Uwo munsi mugenzi kazaba kabaye
Uru Rwanda ruzaba rushyizwe mu bubasha bw'uwitwa
Rubyiruko.

Cyono nshuti muto wanjye nkugire akanama
Tangira ubitegure ube wabitereje uwo munsi
Utazaza ugutunguye rwose nka rwa rupfu
Ruza rushaka uwo rwica rukaza bujura
rukiba uwo muntu rukanura neza
Abavandimwe bose bakumirwa cyane; biteye agahinda.



Tangira witoze gukora utazuyaza
Umuseke ubu urakitse uwo munsi ubu uraje
Tebuka utabare wakire umusaza agushinge
Uru Rwanda urutake ibyo byiza ubikwize
Mu bandi maze bagushime bazaguhe impundu.

Rutake ruture rutete ruterere rutere indi
Ntambwe urutoze gutuza abatoya b'u Rwanda
Baterane inkunga batazi gutinya urugamba
rushyushye.
Barwanye amabandi barwuzuze ibyiza rukunde
rutakwe amazahabu na diyama n'ubundi bukungu

Haguruka tugende banguka uturuhure
Uduture imitwaro abakambwe abo ureba
Baguhanze amaso witenguha rero abagufashe
Mu nda tebuka [illegible] tabara bagiye gusaza
Ngwino njye nguha inama nziterera akuka.

Ndagira ngo nkubwire amabanga y'u Rwanda
Nyakuragize none ejo uzayahishure uyabwire
Abo bana bakubahe nawe ubutaha nusaza
Bazagusigure bagira bati :"Uliya yahoranye
Ubutwali none ubu arat[illegible]baye,
Yatatse uru Rwanda."

Ndacyibuka kera buliya ukivuka
Uli akana gatoya gatunzwe no kulira
Umubyeyi wabyaye aguhatira ibere
Utabasha kulyonka udutege ali dukeya
Nkareba ngatinya nti ubanza karwaye.

Umva icyo gihe mugenzi sinigeze ngoheka
Nakoze uko nshoboye ubwo uronka uracuka
Ubwo wiga kugenda ugatera agatambwe
Gatoya k'amanjwe nti ibyo ali byo byose
Urakurana igikaka iki cyuje ubumanzi.

Reka rero ubwo shahu duhure n'itabu
Urarwara uraremba imitima ndayibunza
Amajoro ndayagenda amaguru aragatora
Imisozi ndayirenga mfatira indi myinshi
Ubwo inzara sinayumva nizilika umukanda
Nti keretse muvuje agakira akaba umuntu.

Wali umuze nabi ndakomeza ndahata
Ndavuza biranga njya hilya no hino
Abaganga baraza basuzuma indwara
Ngiye kugira Imana iyi yuje urukundo
Ubwo uterera akuka amahoro ubwo aba araje
Ndabyina ndalilimba ndishima ubwo ndaseka.

Waragowe ga shenge ndakurera ndagukuza
Ndakwambika neza ibilyo ubona ibyo ushaka
Urashisha urashishagira umubili urakubera
Urakunda uba icyatwa uba umwana nk'abandi
Urakunda urashimwa uba igitego mu bana
Aba babyeyi bakurora bakumva batwawe.

Ubu ngubu nkubwira ndakurora nkanezwa
N'ukuntu ubu uteye mu maso ya bose
Uragenda ukaberwa wakora nkabishima
Igikundiro cyiza watewe n'uburere
Ubu bwiza by'akarusho bituma nishima
Kandi nkanalilimba.

Narakomeje mba maso ndahata ndakurera
Mu minsi mikeya nti genda haliya
Abo barezi bakurere bakwungure ubwenge
Ujijuke uhumuke ube intwali mu bandi
Wegere ikaramu urubaho n'itushi ubyambike
Ibyo biganza amakaye uyasesurure uyahange
Ayo maso, maze ubwonko bufotore izo nyuguti
Zitazwi n'uwitwa Kibondo.

Icyo gihe sinagoheka nkora agatuna mbwenu
Ndahinga ndahaha ingorane zigatera
Nkabyanga ngahata nti ntabwo mbishaka
Njye nzemera ngende uwo mwana aterere
Yige amenye ubwo bwenge ahurumbe amashuli
Ejo bundi hazaza azazamure u Rwanda.

Abo barezi wabonye ntibakoze nabi
Bagize ingufu nyinshi bakungura ubwenge
Baguhaza ibyiza urakunda uba umuntu
Uyu wuzuye rwose maze baraguteka
Kugira ngo ujijuke utazataba u Rwanda
Ubwo uzaba wabaye iyo ndatwa mu bandi.

Cyo se mwana nakunze ibi byuje urukundo
Ubu uramvuga ho iki kuli ibyo nkubwiye?
Ntabeshye rubanda ngo ndate ibitabaho
Ndavuga ibyo nabonye nakoreye urubyaro
Abavandimwe n'inshuti barazi ibyo byose.



Dore umaze guca akenge n'ubwo ukili mutoya
Urukundo wakunzwe uraruzi urarubona,
Icara maze umbwire icyo wize aho hose
Umpe neza amagambo y'ingenzi
Wakuye muli ayo mashuli.

Ndakubwira ntatinya ngutaka ibyo byiza
Mubyeyi wambyaye ni mwebwe mbikesha.
Bulya nkimara kugenda nali impumyi
Rwose nali injiji cyane iyi itazi gatanu,
Umwalimu wanjye ati reba haliya
Ndatuza ndareba umwijima ndawutsinda.

Ubwo hashize iminsi iyi yaba mikeya
Ubuhumyi buragenda nuko mba ndahumutse
Ibitabo ndahurumba amakaye ndayataha
Reka imvaho izo zose ndetse Kinyamateka
Ndareba ngasanga ibyo byose dukorana,
Ibyiza nakuye kuli abo ni byinshi bisaze
Aha hose ubu nzabikorasha bisaga uru Rwanda.

Ubu ndumva mbigwije nkagira ngo ubu nanjye
Mbigaragaze none mbitange mbikwize mu bana
Batoya mbitoze ibibondo bitazi iyo mpano
Bitangire none bitetere ababyeyi,
Bigorore ayo maso binamenye ubwo bwenge
Butuye isi yacu.

Ubu burere nahawe n'ubwenge
Biramvuna cyane ndashaka kugenda
Ngo nubake u Rwanda, mu mahoro no mu bumwe
Amajyambere azaze ubukungu buhinde
Bukwire ino hose tugire ibidutunga bihagije twese.

Uru Rwanda tureba turuzi ubu ngubu
Ababyeyi aba bacu mu minsi yashaje
Bakoze ubudahwema batema ayo mashyamba
Batutira bahinga habe no kuruhuka
Kugira ngo batake ibyiza igihugu cyacu.

Ndaje ubu mbaruhure guhinga ndabizi
Kworora niyo ntego nanjye narabitojwe
Ncukure amatarasi ubwo ndwanye iyo suli
Yarembeje iwacu mpatere amashyamba
Iyo milima y'iwacu nyifumbire cyane
Irumbukane imyaka iyi yuje igikuliro
Iyo nzara maze igende ntizongere kuza.

Nzahinga ibihingwa by'amoko ayo yose
Ngandura-bukungu Kawa ndetse na Cyayi
Nzanire amadovize u Rwanda rwatubyaye
Nanjye mbone ifaranga lintungire abanjye
Bazamere neza bashishe bashishagire.

Ibishyimbo ibijumba bitunze ingo zacu,
Ibirayi urutoki amasaka n'ubunyobwa,
Amashaza n'ibigoli mbihinge aho byera
Iyo myumbati yacu Ruhinda gitero
Iyo nzara Rukukumba iyirwanya
Likirasa ntigere ku irembo.

Gukora narabyize kubaza ndabizi
Amajyambere n 'ayo azazamura u Rwanda.
Izo nzugi mureba amadilishya utubati
Nibindi mutazi ameza aya ubona i Kigali,
Reka intebe n'ibitanda nzabyuzuza iwacu
Bikwire mu cyaro mbigwize inzu zose.

Njye ntacyo nashigaje nagiye kureba
Umucuzi mu ruganda ubwo ncisha makeya
Ndatuza ndakanura bulira ndataha
Nakuyeyo byinshi ubu ndaje mbakorere
Nzabereke mwese mwishilire amakenga.

Nzakorera uru Rwanda ndutake ibyo byiza
Bisabe mu bantu ubukungu bugwire
Bukwire aho hose amajyambere aganze
Mu gihugu cy'iwacu amahoro asagambe
Maze dusabane dusangire ibyiza bivuye mu byacu.

Ubukolikoli bwose nabwigiye henshi
Ndabuzi ubu kandi mu minsi iyi izaza
Ndatangira ndebe uko nabuhabura
Mbukwize mu bantu bakore uko bashoboye
Bazige kubumba babaze ayo mashusho.

Imashini izi zidoda nazimenye nkivuka
Abashaka amapate, amakote roturuso shimboke
N'ibindi nimuze murebe ibyo byiza mbatuye
Ndagira ngo dufatanye gukorera uru Rwanda
Amajyambere yacyo ni twebwe ubu areba
Haguruka tugende dukorere icyo gihugu.

Ubushobozi nahawe n'ubwo hali n'ubundi
Ubwenge bw'ingeli zose rwose ubu ndabutunze
Ngagira ngo nkuneze ngukorere uko ushaka
Gikundiro cyiza mugongo wampetse
Gihugu cy'urukundo mubyeyi wambyaye.



Nabyirutse ubu ndaje ubwo burere wampaye
Mbutaramanye impinga ubu bwamvunnye cyane
Ndakuzanye rwose ngukorere uko ushaka
Iyo milimo y'ingenzi nzayikorana umwete
Nkwiture iyo neza wangiliye nkivuka
Ubu nkaba maze gukura ndashaka kugufasha

Kuzamura uru Rwanda nta kindi njye nshaka
Rukigura ubukene rukaza i Bukungu
Aho buli munyarwanda ukunda igihugu cyacu
Azishima adatinya agahabwa igihembo
Bikwiliye umuntu witangira igihugu akanakiza-
mura

Nzakubera intwali iyi irwanya amabandi
Nzahashya n'ibisambo bitazi guhinga
Bikahuka ibyawe bibyita iby'iwabo,
Bigatwara iby'abandi bikalya bigahaga.
Abatindi bikica ngo ntacyo bitwaye.

Nzakwuzuza amahoro amahane arorere
Nshaka umutekano mu bawe wabyaye
Babane mahwane nta nduru mu ituze
Bature uru Rwanda rwuje ishya n'ihirwe,
Maze buli munyarwanda azakunde aterere
Aruterera impundu ati ganza uli mwiza.

Abanebwe nibabireke bakore icyo ushaka
Bamenye ko guhinga kubaza kubumba
Gukora mu nganda mu biro gucuruza
N'indi milimo myinshi ali byo twe twifuza
Kugira ngo amajyambere aganze arusabe.

Sinshaka amatiku amatage natabwe
Izo nzangano zose ziseswe zitabwe
Dukundane twese twiyunge tubane
Ibi byuje urukundo nta bundi bulyalya,
Maze ubwo Kanyarwanda azarebe yishime
Ati Rwanda uli nziza ganza urashengerewe .

Amahoro twasanze tuyambare twese
Dutoze n'abandi batazi uko agenza
Bacyubake bose bagendane umutima
Umujinya ubaziguruke bazigame urugwiro
Bazire umwilyane bakunde umurava .

Uru Rwanda dutuye dutange umuganda
Dukomeze umurego duterane inkunga
Dukomeze rukomere rushyigikirwe cyane
Amajyambere arwoge amahoro arusamaze
Rusase rusuşuruke ruserukane imbaraga
Izi zuje umuvuduko.

Banyarwanda basaza babyeyi dukunda
Ibyo mwakoze byose bituye umuneza
Umurego ni wose amatwara mutunze
Mwayazanye kera natwe turayatoye
Tugiye gutoza tubereke rwose ko mwagize neza.

Ibyo twarabibonye bitwereka byinshi
Umuhanda watatswe n'abazi imigambi
Yo kwubaka urwacu rukunda ubutwali
Rukanga amatiku ubugande n'amahugu
Ubugabo muduhakiye buzageza kera
Bukomeze burambe imyaka amagana yose.

Gihugu cyiza cyane bakoni k'abagenda
Bulili bw'abarara Rwanda Rugoli rwera
Uli mwiza karambe nzahora nkulilimba
Nkuvuga ibigwi iteka ubutwali ubuhanga
Bikwambitse ikamba ili lyambikwa intwali.

Ubushongore bwawe mburase ubu ngubu
Nasiga ngasigura iminsi igashira yose
Ntarabuharura sinapima rwose kurangiza
Ibyawe abana n'abuzukuru wongeyeho ubuvivi
Bazabikubwira simbeshya uli mwiza.

Abazungu njya numva ngo baraminuje
Ubu bose baraje kureba ibyo byiza byose
Bigutonesha agateta ugatetagira
Bose barahuruye baje kuguha maso nawe
Urabaha amenyo baza amasigamana
Baseka bakubonye agatima kabatera

Izo z'Apolo mwumva zavuye ku kwezi
Ubu zarahahaze ziyiziye mu Rwanda
Abazungu abo bose baraza ino iwacu
Kureba ibyo byiza by'uruvange dutunze
Twahawe n'Imana ibisesa mu Rwanda ruruzura rwose

Rwanda koko uli nziza sinjyaho ngo nkubeshye
Ubutoni wabuhawe Imana ubwo yaguhanze
Urabukomeza rwose ntibwagwa uruhumbu
Maze ubwo abagutuye bakomeza umurego,
Wo kurwana kubwiza wahawe ugihangwa.

Urubyiruko ubu natwe ntabwo dusinziliye,
Urareba ibitambwe wateye udatinya
Ubitewe n'abacu abo twita ababyeyi,
Tugashaka ko natwe twakwambika ituze
Ugatera indi ntambwe ukagwiza imitako.

Abakuru batuyobora bagerageje cyane
Kuguha urugukwiye ubu bwo waratiruye
Abategetsi wahawe n'Imana y'iRwanda
Bakwujuje ibyiza urakunda uraratwa
Amahoro ubu ni yose amajyambere araza.

Ubumwe bw'Abanyarwanda ni amapata n'urugi
Ubu ntawe ugihezwa twese tuligenga
Dukulikije inama duhawe na Muvoma
Niyo yatwunze twese dutanga umuganda.

Kuzamura uru Rwanda si iby'umwe rukumbi
Abanyarwanda twese dufatane mu nda
Umuhinzi utaganda ntagandishe abandi
Uwo akwiye gushimwa nakomeze umurego
Umugambi babane wo kwubaka u Rwanda.

Abakarani bose basilikali mwese
Abalimu n'abaganga n'abandi b'urwunge
Dukorere uru Rwanda turwuzuze ibyiza bisange ibisanzwe
Bigwire bikwire Abanyarwanda twese
Dutakwe ubukungu ubukene burorere bucike burundu.

Amajyambere ni ayo gukora nibyo ngombwa
Twitoze rubyiruko amahoro tuyakwize
Ubumwe busakare buseseke u Rwanda
Umutekano usabe mu bana b'iwacu
M.R.N.D. yacu tuyubake twese.

Urubyiruko rw'u Rwanda uko tungana twese
Dushime ubutwali umurava n'umwete
Uburere twahawe n'abitwa ababyeyi
Inyigisho z'ingenzi twakuye ku barezi
Bisaze igihembo si ibyo dushoboye,
Turasaba dutakamba ngo Imana yabaremye
Ejo izabaduhere imigisha y'ikirenga.

Bategetsi b'u Rwanda bakuru b'urubyiruko!
Izo nama z'ingenzi mugira abo bana
Zisagutse ubwuzu bwuzuyemo urukundo



Mukunda uru Rwanda murwana ku b'ejo
Ngo ejo badatarara bakigira intate.

Ibyo mwakoze byose ubu twarabirebye
Dusanga ali byiza ibi byuje umuneza
Umunezero wacu watewe ubu namwe
Uduteye guterura dushimira mwese
Muheke mugwire murambe mukomere.

Kubashimira none ntitwabiziguruka
Amashyi aya y'urufaya n'impundu izi nyinshi
Ni ibyanyu babyeyi mukunda urubyiruko
Mukarufasha iteka mu ngorane zose
Kugira ngo rutote udutambwe dutoya.

Jenerali Majoro iyo ntwali y'u Rwanda
Nyamutegera akazaza Ruhata igitero
Rushyusha igitaramo umutima w'ineza
Nyil'ubwiza butarutwa shingiro ly'urukundo
Uko akunda urubyiruko si ibya buli wese.

Ibyo ukorera urubyiruko birenze umutwaro
Wa toni izi eshanu mbivuze uko bikwiye
Bwacya ndetse bukira gahorane iyo neza
Mubyeyi w'u Rwanda sugirana ubugingo
Sagamba unashimwe n'abana batoya.

Rubyiruko rw'iwacu Rwanda rw'ejobundi
Twanganya iki umubyeyi uwo nyine nababwiye?
Turebye ibyo tumukesha yakesheje bose
Reka tumulilimbe kandi tumucurange
Ni umubyeyi mwiza, niwe ukwiye urubyiruko.

Igisingizo cyawe uli intwali y'u Rwanda
Rucyaha igitero rutica umugambi
Rukunda umuganda Mutako w'amahoro
Bwato bw'Abanyarwanda uli ingobyi y'abatoya
Gakoni k'abagenda bwiza bwahebuje
Inkotanyi ku rugamba uli igitego mu Rwanda.

Imana yakuduhaye yaguhisemo neza
Izakomeze ikulinde ikugabire ubugingo
Uzakunde urubere umubyeyi ubikwiye
Wakwije umubano ukarwanya amatiku
Amatage akagenda atareba iruhande.

Abamufasha mwese ntimwice umugambi
Mwakulikije inama nziza ahora abagira
Mutoza urubyiruko icyitwa umulimo cyose
Amashyirahamwe rwose henshi ubu yarashinzwe
Imyidagaduro myinshi dukitse iyo milimo
Namwe turabashimye mubereye u Rwanda.

Urubyiruko ubu rwose twakangutse twese
Abasore n'abakobwa twahagurutse bwangu
Turakorana umurava ibyo dutegekwa byose
Izo nkunga duterwa zitwungura byinshi
Tukungura u Rwanda tutiretse natwe.

Umurego mukorana mutwungura inama
Bitwongera imbaraga umuvuduko ukarega
Amatwara turonse agasaga ibihumbi
Ubutwali bukaza tukanga guhunga
Urubyiruko tukanga ubwo imilimo ikajishwa.

Iyo mpamba dutwaye ikatwigiza hilya
Dutibanwa duharanà duharanira urwacu
Uko bwije bukeye dukomeze urugendo
Twange kuba ibigwali tuvuge ibigwi byacu.

Umusaruro wacu ndabizi uli hafi
Ubwo twateze yombi abakuru badusumba
Tubumvira rwose ijwi ly'abo babyeyi,
Turahirwa rubyiruko ni twe Rwanda rw'ejo
Kurugenga ejobundi ntibizadutonda.

Uwarangiza neza ntiyareka rwose
Kurata uyu mwaka wabaye ikirenga
Ku witwa urubyiruko ali uw'ino mu Rwanda
Ndetse ku isi yose barawitabiliye bakora
Uko bashoboye kugira ngo batake iyo ngabire idasumbwa.

Uyu mwaka tureba watuziye neza
Wazaniye urubyiruko ukwizera kw'ingenzi
Amizero duhawe tuzahora iteka tuyambaye hose
Dukunde tuberwe dutere ababyeyi n'abandi baturuta
Kurushaho kudukunda ngibyo iby'uyu mwaka
Udusigiye mu mitima.

Ni umwaka udasanzwe kuli iyi si yacu
Ni amikoro yacu duhanze ayo maso
Ni amata y'abana n'ibilyo by'urugamba
Ni ingabire dukesha abakuru baduhetse
Ni inkunga iduhunda ubukire budasanzwe.

Tubaye dusunitse ibyo twavuze byose
Kutaka uyu mwaka wabaye ikirenga
Aliko cyane cyane k'uwitwa urubyiruko
Tuzawulye neza utubere muhire
Mu mahoro meza, mu bumwe no mu rukundo.

Uwavuze ataroreye yabura n'amagambo
Umwuka ugahera wose amaganya akaba yose
Tugarukire hafi maze ejo dusubire
Kabando k'ab'iyo duhawe gahoreho
Tubyirulire ibyiza bikwire urubyiruko
Tubere n'impamba duhate urugendo
Turwane urugamba tuneshe dutsinde
Tuberwe mu bacu dutake uru Rwanda.
--------------------------------